Bamureze ibinyoma

YOZEFU—IGICE CYA 2

Amabwiriza: Kora uyu mwitozo uri ahantu hatuje. Mu gihe uri bube usoma imirongo y'Ibyanditswe, use n'uwigira umwe mu bantu bavugwa muri iyo nkuru. Noneho sa n'ureba ibirimo biba. Umva amajwi kandi utekereze ku byiyumvo by'abantu b'ingenzi bavugwamo.

Abantu b'ingenzi bavugwamo: Yozefu, Potifari n'umugore we

Ibivugwamo muri make: Yozefu yafunzwe arengana, ariko Yehova akomeza kubana na we.

❶ ***SESENGURA UKO IBINTU BIRIMO BIGENDA.—SOMA MU NTANGIRIRO 39: 7, 10-23.***

Utekereza ko umugore wa Potifari yavugaga ate, igihe yaregaga Yozefu ibinyoma?

_____

_____

Utekereza ko inzu y'imbohe yari imeze ite?_____

_____

Ni izihe ngorane Yozefu yabanje guhura na zo ageze mu nzu y'imbohe? (Soma muri Zaburi 105:17, 18.)_____

_____

❷ ***KORA UBUSHAKASHATSI.***

Iyo Yozefu aza kuba afite ukwizera guke, ni uwuhe mwanzuro mubi yari gufata igihe yari mu nzu y'imbohe? (Soma muri Yobu 30:20, 21.)

_____

Ni iki kitwemeza ko akarengane Yozefu yahuye na ko atakageretse kuri Yehova? (Soma mu Ntangiriro 40:8; 41:15, 16.)

_____

_____

Utekereza ko umuco wafashije Yozefu kwihanganira gufungwa arengana ari uwuhe? (Soma imirongo ikurikira kandi uyitekerezeho: Mika 7:7; Luka 14:11; Yakobo 1:4.)

_____

_____

Ni iyihe myitozo Yozefu yaherewe mu nzu y'imbohe kandi se iyo myitozo yaje kumugirira akahe kamaro? (Soma mu Ntangiriro 39:21-23; 41:38-43.)

_____

_____

3 *UMWITOZO. ANDIKA ICYO WIZE KU BIHERERANYE . . .*

N'akamaro ko kwihangana. _____

_____

_____

N'imico ushobora kwitoza mu gihe uhanganye n'ingorane. _____

_____

_____

N'ukuntu Yehova adufasha mu gihe duhanganye n'ibigeragezo. _____

_____

_____

UNDI MWITOZO.

Ese wigeze kumva uhangayitse kandi uri wenyine? None se igihe wari ugihanganye n'icyo kigeragezo, Yehova yagufashije ate? (Soma ibivugwa mu 1 Abakorinto 10:13, kandi ubitekerezeho.)

_____

_____

4 *NI IKI CYAGUSHISHIKAJE KURUSHA IBINDI MURI IYI NKURU, KANDI KUKI?*

_____

_____

www.jw.org © 2011 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania